CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA (C.EP.R)
**Secrétariat Général**
B.P. 357 Kigali/Rwanda

## ITANGAZO RISOZA INAMA YA KANE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 1-4 UKUBOZA 2015

Kuva ku itariki ya 1 kugeza ku ya 4 Ukuboza 2015, i Kigali ku kicaro cy'Inama y'Abepisikopi Gatolika bo mu Rwanda, habereye inama isanzwe y'igihembwe cya kane y'Abepisikopi isoza umwaka wa 2015. Nyuma y'isengesho ritangiza inama, Nyiricyubahiro Musenyeri Mbonyintege Simaragde, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda, yakomeje asuhuza abari bayirimo anababgezaho ingingo z'ingenzi zigomba kuganirwaho : Uko uburere bw'abafratri muri za Seminari Nkuru uko ari eshatu bwagenze muri uyu mwaka wa 2015, n'izindi ngingo zirebana n'iyogezabutumwa n'ubuzima bwa kiliziya muri rusange. Nk'uko bisanzwe bigenda mu nama z'ibihembwe by'umwaka, mu gufungura iyi nama, Intumwa ya Papa mu Rwanda, Nyirucyubahiro Musenyeri Luciano Russo, ari kumwe n'Umunyamabanga we Padiri Prikulis Antons yari ahari. Intumwa ya Papa mu Rwanda yagejeje ku Bepiskopi bagenzi be ijambo rikubiyemo ubutumwa bw'Ibiro bya Kiliziya Gatolika bishinzwe iyogezabutumwa ku isi burebana n'uburere bw'abashaka kwiyegurira Imana, n'ibindi bireba Kiliziya yo mu Rwanda mu mikoranire yayo na kiliziya y'isi yose, ndetse n'izindi ngingo zirebana n'imigendekere myiza y'imirimo hagati y'inzego za Kiliziya.

Ku munsi wa mbere w'iyi nama Abepiskopi baganiriye ku makuru anyuranye areba Kiliziya y'isi n'iyo mu Rwanda, bahereye ku ruzinduko rwa Papa Fransisiko muri Afrika, batanu mu Bepiskopi bo mu Rwanda, bakaba baragize amahirwe yo kujya muri Uganda kwifatanya na Kiliziya yaho kumwakira. Abepiskopi bishimiye ubutumwa Papa yagejeje ku Bakristu b'icyo gihugu bwagarutse cyane cyane ku ngingo yo kuba Abogezabutumwa nyabo mu kuzirikana urugero Abahowe Imana b'i Buganda baduhaye. Umushumba wa Kiliziya Gatolika, Papa Fransisko, yahaye ubutumwa urubyiruko bwo kuba intwari mu kwemera, ahamagarira Abihayimana kuba koko Umunyu n'urumuri by'isi. Muri urwo ruzinduko kandi, Abepiskopi bo mu Rwanda bishimiye cyane uburyo bakiriwe na bagenzi babo bo muri Uganda.

Nyuma y'iyo ngingo, Abepiskopi baganiriye ku makuru yaranze za Diyosezi muri iki gihembwe kirimo kurangira, bishimira uburyo ibikorwa by'ingezi byari biteganyijwe uyu mwaka byagenze, harimo ihuriro ry'urubyiruko ryabereye i Butare, n'ihuriro mpuzamahanga riherutse kubera i Kigali ryo kwizihiza isabukuru y'imyaka 50 ishize Inama Nkuru ya Vatikani ya II itangaje inyandiko « Dei Verbum » kuri Bibiliya.

Ku munsi wa kabiri w'iyi nama, habayeho kumva ibirebana n'uburere bw'abafaratiri. Abaserdoti bayobora Seminari Nkuru uko ari eshatu bagejeje ku nama y'Abepiskopi uko Seminari zihagaze muri iki gihe, maze Abepisikopi baboneraho kuganira ku buryo burambuye kuri ejo hazaza ha za seminari kuko umubare w'abashaka kuba abapadiri uri kugenda urenga ubushobozi bwazo bwo kubakira.

Ku munsi wa gatatu, Abepiskopi baganiriye kuri Sinodi yari iherutse kubera i Roma yiga ku buzima bw'umuryango muri iki gihe, maze Musenyeri Antoni Kambanda, Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo na Prezida wa Komisiyo y'Umuryango, wari uhagarariye Kiliziya y'u Rwanda muri iyi Sinodi, abagezaho uko Sinodi yagenze muri make, agaruka cyane cyane ku ngingo yo gushyigikira umuryango mu bihe urimo kunyuramo bitoroshye. Yavuze kandi ko iyi Sinodi yabaye umwanya wo kumva neza ibibazo byugarije umuryango muri iyi minsi n'uburyo Kiliziya yagerageza kubikemura.

Kuri uwo munsi wa gatatu kandi, Abepiskopi baganiriye ku buryo bushya Umushumba wa Kiliziya Gatolika amaze gushyiraho bwo guca Imanza zirebana n'abashakanye mu rwego rw'isakramentu ry'ugushyingirwa. Papa arifuza ko habaho uburyo bworohereza abafite ibibazo mu mibanire yabo kugira ngo babashe gucirwa imanza bitaruhanije. Ahangaha, nk'uko bisobanuye mu ibaruwa Papa yanditse, ikigamijwe ni ugufasha abashakanye kurushaho kunga ubumwe no kubabarirana birinda ibibatandukanya. Muri urwo rwego, Urukiko rwa Kiliziya Ruhuriweho na za diyosezi zo mu Rwanda rwaravuguruwe maze umusaseridoti ushinzwe gukurikirana buri munsi imirimo yarwo, Padiri Cyprien Dukuzumuremyi akora indahiro yo kurangiza neza imirimo ashinzwe.

Ku munsi wa kane w'iyi nama, Abepiskopi bakomeje imirimo y'inama yabo batora Umuyobozi mushya w'inama yabo, umwungirije hamwe n'abajyanama babiri basimbura abacyuye igihe ari bo Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde Mbonyintege wari Umuyobozi bw'Inama yabo, Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa wari umuyobozi wungirije na ba Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba na Harolimana Vincent bari abanjyanama. Hatowe Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamaba aba Perezida, Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa akomeza kuba umuyobozi wungirije. Mu bajyanama Nyiricyubahiro Musenyeri Vincent Harolimana yakomeje kuba umujyanama hamwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Antoni Kambanda.

Abepiskopi batanze kandi itangazo ryihariye rivuga ku bikorwa bijyanye n'iyogezabutumwa muri Kiliziya Gatolika, bizaranga imyaka itatu dutangiye. Umwaka wa 2016 uzaba umwaka w'impuhwe z'Imana, umwaka wa 2017 uzabe umwaka wo kwizihiza imyaka 100 ishize umunyarwanda wa mbere ahawe ubusaseridoti, umwaka wa 2018 wo, uzaba umwaka w'ubumwe n'ubwiyunge. Ibindi turabisanga muri iryo tangazo ryihariye.

Abepisikopi bashoje imirimo y'inama yabo ku mugoroba wo kuwa gatanu tariki ya 04/12/2015, bifurizanya umwaka mushya muhire, kandi bongera gusaba abakristu bose gusabira amahoro Afurika muri rusange, n'aka karere k'ibiyaga bigari by'umwihariko maze Nyiricyubahiro Musenyero Filipo Rukamba, umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare, akaba na Perezida mushya w'Inama y'Abepiskopi Gatolika ashimira mu izina rya bagenzi be Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde Mbonyintege, Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi imyaka itandatu amaze ayobora iyo Nama y'Abepiskopi, amushimira ubwitange n'urukundo rwa Kiliziya yabikoranye.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 04/12/2015

Padiri Jean de Dieu HODARI, Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

✠ Simaragidi MBONYINTEGE
Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda ucyuye igihe

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
B.P. 357
KIGALI
RWANDA
C.E.P.R.